**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

# IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA/INTUMWA NKURU YA LETA MU NAMA Y'ABANOTERI

## NOBLEZA HOTEL, 24 MATA 2018

Madamu/Bwana Bayobozi muri hano;

Ba Noteri ba Leta na mwe ba Noteri bigenga mumaze kurahira;

Mbanje kubasuhuza kandi nongera kubaha ikaze.

Itegeko rigenga umurimo w'Ubunoteri riteganya ibyiciro by'Abanoteri birimo Abanoteri b'abakozi ba Leta n'Abanoteri bigenga, abamaze kurahira mu kanya akaba ari abanoteri bigenga bemerewe hashingiwe ku biteganywa n'Itegeko ryavuzwe haruguru.

Hashingiwe ku mateka ya serivisi za notariya, hari igihe mu Rwanda twari dufite umunoteri umwe (1) mu Gihugu hose, ibi byagiye bihindurwa hashingiwe kuri politiki yo kwegereza serivisi abaturage. Kugeza ubu dufite ba noteri kuva ku rwego rw'Ibanze (Umurenge n'Akarere) kugeza ku rwego rwa Minisiteri na bimwe mu Bigo bya Leta, bose hamwe bakaba bagera kuri 911 (ab'Imirenge **832**, abo mu Turere **60**, aba MINIJUST **03**, aba RGB **02**, aba RDB **03**, abo ku rwego rwa *zones* z'iyandikisha

ry'ubutaka **10** n'Umubitsi w'Impapurompamo z'ubutaka **01**) hatabariwemo abo ku rwego rwa za *Ambassade* z'u Rwanda.

Mu rwego rwo gushyigikira no guteza imbere abikorera, Leta y'u Rwanda ibinyujije mu Itegeko rigenga umurimo w'Ubunoteri yateganyije uburyo abantu bikorera bashobora kuba abanoteri bagafasha Abanyarwanda kubona iyo Serivisi batiriwe bagana Inzego za Leta ziyitanga. Mu Gihugu cyacu ni ku nshuro ya mbere hashyizweho abanoteri bigenga, abamaze kurahirira gukora iyo mirimo akaba ari **84** biyongera ku banoteri ba Leta **911** bose bakaba **995.**

Ndasaba ba Noteri ba Leta muri hano, n'abandi bari muri uwo murimo, kugira gahunda mugenderaho mu mikorere yanyu, ni ngombwa ko umuntu ushaka serivisi ya notariya ugeze ku biro agasanga uyimuha yagiye mu kandi kazi asanga hari itangazo rigaragaza igihe agarukira kuko akazi ka Notariya nako kari mu nshingano zanyu za buri munsi.

Kuri Banoteri bikorera mumaze kurahira imbere yacu n'Abanyarwanda bose ko muzakorana umutimanama mu cyubahiro no mu bwigenge imirimo mushinzwe kandi ko nimutatira iyo ndahiro muzabihanirwa n'amategeko, ibi mujye muhora mubizirikana igihe cyose mugiye gutanga iyo serivisi.

Indahiro mwakoze ni igihango mugiranye n'Abanyarwanda baza babagana basaba serivise ya Notariya nkaba mbashishikariza kunoza imitangire yayo nk'uko mu biganiro byatanzwe muri iyi nama mwagize umwanya munini wo kubiganiraho ku buryo bwimbitse.

Ba Noteri mwese uko muri aha ndabasaba gukora neza uyu murimo kuko iyo udakozwe neza uko bikwiye ntugira ingaruka gusa ku muturage mwahaye serivisi mbi, ahubwo n'umuryango nyarwanda biwugiraho ingaruka kuko akenshi havuka amakimbirane atari ngombwa agashora abantu mu manza zibatwara igihe ndetse n'imitungo yabo ikaba yagenderamo.

Mu rwego rwo kubafasha kwirinda amakosa mu gukora uwo murimo, mwateguriwe inama ibahuza nk'abanoteri muhuriye ku murimo, nkaba nizera ko mwakurikiranye neza ibiganiro mwateguriwe kandi ko mwabigizemo uruhare, mutanga ibitekerezo

byafasha mu kunoza umurimo mushinzwe ndetse ko mwaboneyemo umwanya wo kungurana ibitekerezo ku cyakorwa kugira ngo Serivisi mutanga inogere abayihabwa kandi yihute kurusha uko bisanzwe bikorwa.

Ndabamenyesha ko ubushakashatsi bwakozwe n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imiyoborere myiza mu mwaka wa 2017 bwagaragaje ko serivisi zitangwa muri Notariya zishimiwe n'abazigana ku kigero cya 58%, mu gihe mu mwaka wa 2016 byari ku gipimo kiri hejuru ya 60%, nkaba nsaba Abanoteri mwitabiriye iyi nama gushyiraho uruhare rwanyu icyo gipimo kikazamuka kuko icyagaragajwe n'ubushakashatsi kiri hasi cyane ugereranyije n'izindi serivisi zitangwa mu Nzego z'Ubutabera.

Ba Noteri mwitabiriye iyi nama baba ab'umwuga n'abatari ab'umwuga, ndabasaba kuba intangarugero mu byo mukora byose ku mpande zombi yaba abo muha Serivisi ya Notariya cyangwa Inzego mukorana nazo, nkaba mbagira inama yo kubahiriza inshingano zanyu nk'uko amategeko abiteganya aho mudasobanukiwe mukagisha inama abo musanze muri uyu mwuga, ibi birareba cyane cyane Abanoteri bikorera mukinjira muri uyu murimo.

Mu gusoza nongeye gusaba Abanoteri mwese mwitabiriye iyi nama, kurangwa n'ubunyangamugayo, mwirinda amarangamutima, ruswa, ikimenyane, gutonesha n'izindi ngeso mbi zisenya imirimo yanyu zikangiza imibereho y'Abanyarwanda n'iy'Igihugu muri rusange.

Ndahamya ntashidikanya ko ibyo musabwa byose muzabigeraho bitabagoye, nimukurikiza amategeko mu gutanga serivisi ya Notariya.

Minisiteri y'Ubutabera ikaba izakomeza kubafasha mu byo muzakenera byose biri mu bubasha n'ubushobozi bwayo, kugira ngo mubashe kuzuza neza inshingano zanyu.

Murakoze.